

AMAJORO IGIHUMBI NA RIMWE ①

Y'UBUMENYI

Byahinduwe na
Mohamed Abdel
Aziz Kamanzi

Jean-Pierre Petit

Byera habayeho umwami w'umusilamu wari utuye mu gicumbi cyiza cyane, ku mipaka y'ubur asirazuba. Yarafite byose: zahabu, abagore beza cyane, amafarashi meza y'ibitangaza, n'ibindi, n'ibindi... Ariko buri joro yaburaga ibitotsi kubera ibibazo binyuranye, by'amoko yose, yahoraga buri gihe yibaza kandi atashoboraga wenyine, kubonera ibisubizo ako kanya. Bityo, bigatuma buri joro ahamagaza Schatzimani, Minisitiri we w'intebe.



Schatzmani, unva, iri joro nabonye mu ndoto ikintu gitangaje: iyo bagisatuye bacishiye hagati.

kiguma ari ikintu kimwe!

Nyagasani, kiguma ari ikintu kimwe? Ntibishoboka.

Narakibonye! Ndagishaka. Kibaho. Kizanire vuba naho ubundi nzacyizanisha ubuzima bwawe. Nguhaye gusa iminsi itatu!

Ariko... Nyagasani!

Niba mu minsi itatu utakizanye, nzagutanga bakwice.

Ni byo, Umwami ntakina. Uriya! N'ukubura ibitotsi kwe!

Lanturlu!

Dore Minisitiri w'intebe araje. None se nakoze iki kandi jyewe?

Ah!

Ufite iminsi itatu, itarenze ho n'umwe ngo uhimbe ikintu giteye gitya: Iyo gisatuwemwo kabiri ukurikiye umurongo unyura hagati, gikomeza kuba ikintu kimwe.


Nutakibona, nzagutanga bakwice!

Ariko... Databuja, jye ndi umuja gusa..



Ni ikigaragarira buri wese. Schatzmani anshakira urupfu. Kubona icyo kintu ni ikidashoboka, kubera ko kitabaho. Urugero natanga ni uru : iyo nkase mwo kabiri uyu mukufi nkurikiye umurongo wo hagati na hagati, mbona imyiburungushure ibiri, ntabwo mbona umwe.

Natambagiye hose muri iki gihugu, nta kintu na kimwe nigeze mbona gisa n'icyo shobuja, Minisitiri w'intebe, ashaka.



Rwose pe!

Wa muni wa gatatu, wa wundi w'urupfu, uza kugera.



Dore, Aletya, ijoro riraguye. Ejo, mu gitondo cya kare, Schatzmani azantanga bace umutwe. Hagati aha se, umuntu yakora iki? Mana yanjye, narindiho nikubira imiringa. Ariko nta kundi, reka mbe aribyo nikomereza.

Mw'izina ry'Uhoraho, iri tara riranduye pe, ni umugese gusa. Biraba ngombwa ko nditsirima cyane, nta mazi nkoresha je, kungira ngo ribengerane.



Maze Anselme Lanturlu atsirima rya tara...



Ahuu, byibuze akayaga karabonetse ...

Mbanje Intumwa y'Imana, wowe ubundi uri nde ?!?

Miah!

Nitwa Sofiya, ntuye muri iri tara.

Iki?!? Utuye muri iri tara rishaje, rikoresha amavuta?

Yego, niho ntuye. Ni inkuru ndende kandi ikomeye; nzakubwira neza ikindi gihe. None se, ubundi ubu, ikibazo cyawe ni ikihe?






Schatzmani, databuja, yambwiye ko azancisha umutwe ejo mu gitondo ni ntamuzanira ikintu gitweye gitya: - Iyo gisatuwe mwo kabiri hakurikiywe umurongo wo hagati kirasubirana kikaba ikintu kimwe. - Ariko jye nzi ko bidashoboka. None rero ni ntabwo ngo nkimwereke uyu muni, arantanga mu gitondo cya kare bance umutwe.



Ni byo, ndanabishaka ariko banza wigizeyo iyo njangwe.



Humura wigira ubwoba bw'ubusa, ni ingore kandi irashaje.



Ubu ni ugukatamwo kabiri ruriya rugori, tukarushushanyaho igice cy'umuzingi noneho ukomekeranya iyo mitwe ibiri ariko umwe ukawuhindukiza nk'uko bigaragara mu gishushanyo.



Uzi ko uri umupfayongo pe ! Bihindura byose. Kuramwo indodo wirebere.



Sofiya ! Singipfuye !
Nasatuye mwo kabiri cya kintu
gitangaje nkurikiye umurongo
wo hagati ariko noneho
gitanga ikintu kimwe gusa.

Burakeye.

Ibyubahiro byose ni
ibya porofeseri Zefiri.

Ahaaa, icyo ni ikintu gito
rwose. Ni kimwe mu miterere
yoroheje iranga URUGORI
RWA MOBIYASI.

Anselimi yahise ahereza
cya kintu gitangaje Ministiri
w'Intebe, Chatzmani,
nawe ahita agishyira
wa mwami wahise yishima.

Sofiya na porofeseri Zefiri bahise bisubirira
muri rya tara ariko babwira Lanturlu ko agize ikibazo
yakongera agatsirima gusa rya tara nabo bakagaruka
bakamufasha.

Isomo dukura muri iyi
nkuru ni uko mbere yo
kwemeza ko ikintu gishoboka
cyangwa kidashoboka wabanje
ukagitekerezaho neza byibuze
inshuro ebyiri.

noneho
amugororera ishakoshi
yuzuye ibimanyu bya zahabu.

Agahenge kaje kugaruka kamara n'igihe mu mugwi wa Ispahan usize
zahabu inoze neza. Ariko mu gihe Ministiri w'intebe, Schatzmani,
yakomezaga kwiba shebuja abigamiye ndetse na Anselimi akuba
imiringa, amajoro ya wa mwami w'umusaza yakomeje kuzamwo ibibazo
bitewe n'indoto nshya ziteye ubwoba n'agahinda kenshi kazirangaga.

Schatzmani, iri joro narose ikintu
gitangaje: nahuhaga ku kintu aho kugirango
kigire hirya ahubwo kikanyegera. Uko
nakomezaga kugihuha niko cyansatiraga,
kikanyihomaho. None jyenda ugishake
ukinzanire. Kibaho ndabyizewe, kuko
nakibonye mu nzosi. Ukinzanire bitarenze
ukwezi; naho ubundi uzabyishyurisha
ubuzima bwawe.

!?!?

AMAJORO igihumbi NA RIMWE ②

Y'UBUMENYI



Schatzmani, ministiri w'intebe, afite umushaha ukabije.



Anselimi, Anselimi Lanturlu!

Ya nyamaswa iri he?

Iri hano, databuja, hano.

Anselimi, mu minsi ibiri ugomba kunzanira ikintu giteye gitya : iyo uguhushyeho kiragusanga aho kwigira hirya, nutakinzanira nzagucisha umutwe ! Bazakumanika !


Iminsi ibiri? Umwami yagabanije igihe ntarengwa! Imana ngira ni uko rya tara ryubumaji rihari.



Tugende.

Anselimi, mbega amahirwe ! Narintangiyeye kugira irungu.

Sofiya, turacyagukeneye kandi. Umwami aracyabura ibitotzi. Akomeje kugira indoto zizamo ibibazo bikomeye aburira ibisobanuro; agahita asaba minisitiri we w'intebe ngo nabifindure. Uwo nawe ko ariwe databuja, ahita abingerekaho buri gihe.





Ntibyumvikana. Ubusanzwe, iyo uhushye ikintu kigirayo.

Hmm, ibi birandenze. Ni ngombwa ko tujya gusura dogiteri Serwakira. Kubera ibyo, tugomba gukora umusambi uguruka. Dukeneye umusambi munini wa kare.

Dutangire tuzingire urupapuro muri ubu buryo:




ukurikiye umurongo uca mu nkokora y'urupapuro.


Ariko mbere ya byose tugomba gukora igishushanyo mbonera cyawo.

Kugeza mu muhoro wa diyagonari neza.

Hanyuma ukagenda ukata ku mutwe kugirango ushobore ku ruzingazinga



Bityo ugafatanyanya n'ubujeni iyo imitwe uko ari ibiri




Bityo ukaba ukoze indege mu rupapuro

Uyirebeye ku ruhande

inyuma

imbere



uyiturutse mu maso

Fatira inyuma, uyijugunye buhoro ucishiye hasi.



Ni ingofero ?

Oya, ni imashini iguruka.

Iyo INDEGE YO MU RUPAPURO ikoranye ubuhanga, iguruka neza cyane kandi ahantu harehaye. Ni ukwirinda kuyijugunya n'imbaraga nyinshi, ahubwo uyiha umuvuduko ukwiye, mbese ugasa n'uyiteretse ku muyaga uhita uyigurutsa.

Ese ni uko ?!?



Dore rero. Ubu noneho ko tumaze kubyumva, dutangire tubishyire mu bikorwa dukurikiye ibipimo nyabyo dufatiye ku musambi wa kare (w'impane ennye zingana kandi zigorotse).




Birakora neza ?!?



Mu yandi magabo cya kintu cyabonetse, cya kindi umwami yashakaga. Ni urupapuro rusanze !!!


Buretse, uriya Mwami wawe, tugiye kumukorera ikintu kinononsoye, gikoranye ubuhanga. Kuko urupapuro rwonyine, rwatera ibibazo. Mu gihe adashoboye kuruhuhaho cyane, byakwanga. Urumva rero ko yabiheraho akaba yamanika uwariwe wese.



Urareba, ukoresheje iki, ushobora gukwega n'ikibiriti cy'imyambi.

Hakwiye gukoreshwa ubujeni cyangwa se sikoci kugiro ngo duhome umwiburungushure kuri disikyeye itoboye ho umwobo hagati.

urwego rwa 1/1



Anselimi Lanturlu na bagenzi be bashimira Dogiteri Serwakira kubera inama nziza cyane yabagiriye hanyuma burira EPISIKOPALANE basubira ku ngoro ibwami.

ASIPIRISUFULE



Sofiya na Porofeseri Zefiri bisubirira muri rya tara ryabo.




ariko se umwami :

Schatzmani ! Ndashaka ungaragarize UBUSOBANURO NYABWO BW'IHAME RY'ARICHIMEDE !

Ariko... nyagasani, ihame, mu by'ukuri, ntirisobanurwa !


AMAJORO iGIHUMBI NA RIMWE ③

Y'UBUMENYI



Birakureba, ugomba gukora uko ushoboye ukabigeraho, naho ubundi ...!


Gutanga ubusobanuro bw'ihame, bbbrrp...



Ikintu cyose kinjiye mu mazi gihura n'imbaraga zigisunika zikizamura zingana n'uburemere bw'amazi cyigije hirya.
(ahagana na 210 mbere ya Yezu Kristo)

Bisa naho bikomeye. Twakagombye guhamagara Sofiya.

Dore rya tara ry'ubumaji.



Ndihano nyagasani. Nabamarira iki mu by'akazi kanyu ?

Ese aha bubaka barubaka iki ?...

Sofiya yasabye ibikoresho bisobanutse.




umunzani



ipome

amabuye y'umunzani






Hakenewe kandi amazi, amazi menshi. Ni byo, ntagitangaje. Niko bigenda kubirebana n'ihame ry'Arishimede.


Igikombe nacyo kirakenewe.



Reba neza; i bumoso hajya igikombe cyuzuye amazi no hejuru.



Noneho ubu, dushyire, twitonze, ya pome mu mazi.



Amazi ahita ameneka, ya pome ikareremba.



Biraza kugenda bite ?

Ntacyo !?!

Amaboko y'umunzani araringaniye. Ya mageza yagenze nabi rwose.

AMAJORO IGIHUMBI NA RIMWE Y'UBUMENYI

Umwami yahindutse nk'umusazi pe. Umumajisiye umwe yaje kumusura amwerekana uburyo ashobora guhagarika umutima we. None ubu arashaka ngo nanjye mbikore, naho ubundi bitabaye uko ngo azamanika.

LANTURLU!

Nk'uko bisanzwe rero, ibibazo byose nk'ibyho minisitiri w'intebe, Schatzmani, abitura ku mutwe wa Anselimi Lanturlu.

Ese byibuke. Ufite kugeza ejo ngo ube wabishoboye, naho ubundi !...

Bivugwako uriya mumajisiye byamutwaye imyaka mirongo itatu yose ngo abigereho.

Muri icyo gihe cyose yaratunzwe gusa n'ibibuto

Hakenewe rwose imyaka mirongo itatu yo gutekereza kugirango umuntu ashobore guhagarika umutima we.

Ntabwo bikiri ubumenyi, bisigaye ari ubumaji. Ndibaza nimba Sofiya azashobora kugira icyo abikoraho.

Ibyaribyo byose tugerageze. Ngiri rya tara.



Ah, nshuti zanjye, nabumvaga ndi hano mu ndiba y'itara kandi ndabamenyeshya neza ko mwa nshekeje pe. Uwo mumajisiye wanyu ni umuteka mutwe wujuje ibya ngombwa. Abagaragariza ate ko « yahagaritse umutima we » ?

Dore rero uko bimeze, arasaba ko mwafata ibipimo by'umurindi w'umuvuduko w'amaraso ye...

Ese umurindi w'umuvuduko w'amaraso n'umutima bihuriye he ?

None se umurindi w'umuvuduko w'amaraso ufatwa ute ?

Mu by'ukuri hari uduheha tuyobora amaraso, umutsi munini w'umuheha ukura amaraso mu mutima.

Ese ushatse kuvuga ko ari ibyo akoresha ahagarika umurindi w'umuvuduko w'amaraso, Abuzura rero amaraso gukomeza kuva mu mutima ajya mu kiganza cye ?

Ariko se akoresha iki ?

Akoresha IKI NGIKI

Iki se si ikibuto gisanzwe !?!

Ese iki kibuto gifite
ububasha bwa kivuzi ?

Ntaho bihuriye.
Iki kibuto ugishyira aho,
mu kwaha, ahaca umutsi
w'agaheha ugaburira
ukuboko amaraso masha.

Ntabwo kigaragaza,
kandi iyo ndatsikamiye
cyane urubavu rwanjye
n'ukuboko, wumva
umuvuduko w'umurindi
w'amaraso nk'uko
bisanzwe.

Ariko iyo ntsikamiye cyane cya kibuto
kiri mu kwaha kwanjye, wa mutsi
w'agaheha nawo uratsikamirwa
ukifunga. Amaraso ntabe agihita
noneho na wa muvuduko w'umurindi
w'amaraso ntiwumvikane.

Nyagasani we, ni byo !

Iyo ntekereje ko uriya mutekamutwe w'umumajisiye
yabeshe umwami wacu, agahembwa agafuko kuzuye zahabu
amaze kwizeza umwami ko afite ubushobozi bw'igitangaza bwo...

Urambonera, urambonera. Dore we, aho Lanturlu yakuraga bwa buhanga bwose : itara ry'ubumaji, umunyagwa umeze nk'umuzimu, wihishe muri iryo tara, umucyenya w'umugore

Ariko se uriya mutindi Schatzmani witendetse hejuru y'ingoro y'ubumenyi...

Ahaaaa...
Ni umunyabwenge pe.

Hasigaye kujya kureba umwami ariko nta mpamvu yo kumusobanurira uburyo bwo gukoresha rwa rubuto rushyirwa mu kwaha.

Ni byo, wa muja we. Subira mu kazi kawe nonaha ariko kandi akira kino giceri.

Oh, urakoze !

Schatzmani yampaye igiceri. Yenda buriya, urebye neza wasanga atari mubi nk'uko tumubara...

Pfff... Ni igiceri gisanzwe cy'umuringa.


Anselimi, rya tara ry'ubumaji rwabuze !

AMAJORO igihumbi NA RIMWE Y'UBUMENYI



By'ukuri, dore rya tara ry'ubumaji Lanturlu yakuraga mwo bwa bwege bwose. Hasigaye kuritsirima, wa muzimu ugasohokamwo noneho ukajya uduha igisubizo cya buri kibazo cyose.

Ubu sinkigukeneye. Igihe amazi azuzura iyi ngunguru uzaba utakiri ikibazo kuri jye.




Inyiturano yawe ni iyi ?!



Nyagasani, mbaza icyo ushaka cyose. Nungutse ubumenyi bwinshi buhagije k'uburyo numva nasobanura ubufindo ubwo aribwo bwose mu bwo mwaba mufite

Ni byiza, nzaguhamagara igihe nzumvira ikibazo gishya kivumbutse mu ndoto zanjye.



Ese ko uyu munyururu ukomeye cyane ! Sinshobora kugobotora ibikonjo byanjye. Najishwe, byandagiranye !



Anselimi... Sinshobora kugira icyo ngufasha kuko mfungiyeye mw'itara ry'ubumaji, ariko icyo wamenya ni uko icyo kibazo gifite igisubizo.

Igisubizo ?! Ariko, Sofi... !
Ikigaragara ni uko kiriya kibazo
kitagira igisubizo na kimwe none
nkaba ngomba kwipfira.



Wirakara.
Ushobora kwigobotora... kuko
mu by'ukuri utaziritse...




Iki !?!



Tekereza neza: ntushobora gukura
ibikonjo byawe muri ayo mapingo ariko
iminyururu ishobora kunyura hagati
y'amapingo n'umubiri w'igikonjo cyawe.

Anselimi yakomeje gutekereza,
byatinze aza kugera ku gisubizo nyacyo.

Twahinnye amapingo n'ibikonjo bya
Lanturlu kugirango




Kugirango n'umusomyi w'iyi nyandiko abe yashobora gukora aya mageza wenyine akoresheje umugozi, twashushanyije amapingo ya Anselimi nk'utugata tw'umugozi dupfundikaniye.



Mbega igitondo cyaramutse neza rwose. Tuge kureba ko umwami yaba yagize inzozo zirimwo ibibazo bishya bijyanye n'ubumenyi.

Umwami yarose aziritse atya. Muri izo nzozo yashoboraga gushyikira uru rufunguzo noneho akibohora.



Ah, icyitonderwa : ntawushobora guhambura aya mapfundo ya A, C, F, E n'ingata ya G, ikomeye, ntishobora kurenga umwobo wa B.

Ni ibigaragarira uwariwe wese, ntibishoboka gushyikira urufunguzo ukuruye gusa ipfundo

Ni byo, hasigaye gusa gutsirima itara.

Heee ? Ntacyo ritanga ! Kandi maze isaha yose nditsirima !




Ariko kandi iki kibazo gifite igisubizo (Reba mu gice gikurikiraho)





AMAJORO igihumbi NA RIMWE Y'UBUMENYI

6 21




Schatzmani, ubwe wenyine, yishyize mu mutego. Yakomeje kugirango aracyafite rya tara ry'ubumaji noneho aza kubwira umwami ko ashobora gucyemura ikibazo icyaricyo cyose. Ibyago bye rero aza kubura iryo tara ry'ubumaji none yaboshywe nk'ikigoryi kandi ubwo, ijoro nirigwa atarashobora kwizirikura, umwami aramutanga bamuce umutwe.



Hmmm...

Reka
tugishe inama
Porofeseri
Zefiri.





Kandi dore na cya kintazi cy'itara ry'ubumaji kidakora.

Ingata A, mfunziyeho n'aya mapingo, ntishobora guhita muri uyu mwobo T. Ntabwo bishoboka na busa ko najyeza iyi ngata muri A', ngo mbe nashobora gushyikira rwa rufunguzo C ngo noneho nibohore.

Nyagasani, ntabwo murikoresha mu buryo nyabwo.

Ugomba gushyira itara ku musego wawe ; bityo ugatega amatwi ibisobanuro.

Kimpereze !
N'ingonga !

Ariko se !...
Ko nta nakimwe numva !?

Ushobora kuba utangiye gupfa amatwi.


Ngiye kugusobanurira ukuntu wava muri uwo mutego.

Yego... Yego...
Ni byo...

Twibuke ikibazo Schatzmani yahuye nacyo. Aboheye, n'amapingo, ku ngata A, itanyeganyega, kandi idashobora guca mu ntoboro T. agomba gusunika ruriya rugata A rukagera muri A' kugira ngo ashobore gushyikira urufunguzo C rw'amapingo ngo, noneho, ayafungure abe anibohoye.





Ariko NTIBISHOBOKA,
KUKO ruriya rugata A RUDASHOBORA
GUHITA MURI iriya ntoboro T !

Bikore utya, koresha igice cy'uyo karito ibyibushye, hamwe n'akagozi n'urugata runini muri zimwe zikoreshwa ku marido.




Reka kariya kagozi B karerete bityo umuntu abone uko ahitisha urwo rugata nk'uko ubibona bishushanyije.


Aha tuzahita « umwanya wo gutegererezamwo urugata ». Ubu ikigomba gukorwa ni ugukurura cyane turiya tugozi kugirango uyu mukono uce muri uriya mwobo.



Ibyo bimaze gukorwa, uru rugata rushobora guhitira muri iyi mishumi ya G1 na G2 hanyuma rukagera mu mwanya wa Q. Hakaba hasigaye gukurura iriya migozi ngo igarure G1 na G2 kuruhande rw'umwobo.




Urugata rwageze muri Q none twatangiye gukurura iriya migozi irereta.



Dore noneho ! Rwa rugata rushobora guhita nta kibazo

ukurikiye iriya nzira yerekamwe.



Igihe cyageze...



Akira, databuja, dore rya tara.



SCHMGRR

Agashya wakamenye ? Schatzmani yagiye kureba umuhanuzi ngo amuvure kutumva.

Ngo Umwami yaba yarose abona akabogisi kigenza konyine, nta mugozi ugakurura, nta kintu na kimwe kigasunika. Ngo ako kabogisi kazamuka n'imisozi.



AMAJORO iGIHUMBI NA RiMWE Y'UBUMENYI


7



Umwami aravugako yarose
abona akabogisi kigenza konyine.


Hagomba kuba hari ikintu cy'ubufindo
hirya yako kabogisi... Nk'umugozzi ?

Cyangwa sumaku ?



Habe nabusa, nta n'amashanyarazi arimwo.
Aremeza ko amayobera yose ari imbere
mu kabogisi.

Ndabyumva ! Ako kabogisi kagomba
kuba gatwarwa n'imbaraga-ngaruka !



Habe na busa ! Umwami aremeza neza ko
ako kabogisi kigendesha nta mwotsi karekura ;
nta n'ivumbi gatumura aho gaciye.
Kandi kazamuka n'imisozi.



Ndebera Anselimi ! Umwanya we awumara asohora Sofiya mw'itara rye, kandi amubazaguzura bya bibazo bya yego cyangwa oya. Agomba kuba afite ibibazo byinshi by'ubumenyi ashaka kumubaza.



Jye mbireba navuga ahubwo ko ya mukunze.

Mu gihe Schatzmani, wa wundi Lanturlu yahangitse itara risanzwe mu mwanya wa rya rindi ry'ubumaji, atumva rwose impamvu iryo tara ryanzwe kumuvugisha, yahindutse nk'uwacanganikiwe.



Ariko se ... Nakora iki ngo nsobanure inzizi z'umwami ?




Dore urufunguzo rw'ayo mayobera, isoko ry'ingufu.

Icyo ? Ese si ka elastike gasanzwe !?


Hakwiye, ubwa mbere, gucibwa akobo hagati ya buri hande ebyiri zirebana z'akabogisi (*)



Hanyuma ukomeka akantu karemereye k'umutwe w'umwambi w'ikibiriti kagakora nk'uburemere-ngaruka (polo yaba ariyo yaba nziza gukoresha).



Hakwiye gutsindagira umwambi y'ikibiriti muri iyi mpete ikweduka. Noneho icyi na cyo kigafatishwa hagati ya buri ruhande rw'akabogisi ku buryo kaza kuregagaho gakye.



Hanyuma ugahindukiza kariya kabogisi ku buryo elastike izamuka.

Gashobora no kuzamuka udusozi tudacuramyeye cyane kugezaho gahagarara.

Aka kantu ni agakenya rwose !

Noneho, iyo uteretse buhoro buhoro ka kabogisi hasi, gatangira kwigenza.

Ni igitangaza !

(*) Akabogisi k'icyuma n'ibinini bibuza gusama inda cyangwa amabombo y'ubuki.

(**) Hakwiye elastike yoroshye kandi inoze !

Oya, Tireziyasi, ni ikintu
CY'IMITERERE YA MEKANIKE.

Ni byiza, tujye
gusobanurira ibyo byose
Schatzmani, wihebye iruhande
y'itara ritavuga na busa.

Ah, arasinziriye ! Agomba kuba yatekereje
cyane. Biramunaniza cyane buri gihe.
Ngiye kuzamura kano kabogisi noneho
ngatsindagirire hagati n'itara.

Ndarahiza
amarira y'Imana,
aka kabogisi kasohotse
muri rya tara
ry'ubumaji.

Karigeza konyine.
SATANI(*) agomba kuba
abiri inyuma !

Reka tuge kwiryamira. Haracyari
igihe kirekire mbere y'uko yumva
uko kariya kabogisi gakora.

(*) Ni ko abantu batuye mu bihugu
byo mu burasirazuba bita Rusufero.

AMAJORO iGIHUMBI NA RIMWE

8

Y'UBUMENYI

Nahembwe ibiceri bitanu bya boronze kubera ibitekerezo byose nahaye Schatzmani.



Nzabikoresha iki ?

Umva, nyagasani. Ufite ifaranga rimwe ? Ubishatse wakunguka n'irindi.



Dore, umuvunjayi... Ese ariho aravuga iki ?


Igikenewe ni ugukina nanjye. Uracyari muto kandi urabangutse. Ni ngombwa uraza gutsinda.

Nzabiguremwo ifurari yo mu mutwe nshyashya ?





Za keke zi turukiya ?

Ni ibintu byoroshye, tega amatwi : urafata igiceri kimwe muri ibyo byawe noneho ugishyire ku kiganza cyawe kirambuye, utya.



Ubu rero ngiye gushyira ikiganza cyanjye muni y'icyawe, ntya. Wowe ugomba gukomeza ufunguye ikiganza. Ninshobora gufata icyi giceri mbere y'uko ufunga ikiganza cyawe, icyo giceri kiraba icyanjye ; naho nibinanira ndaguha ikindi giceri.

Ikiganza cyo gifite inzira ndende yo kunyuramwo mbere y'uko afata iki giceri, ariko jye mfite gusa guhina intoki. Ni umukino w'ibigoryi, ngomba gutsinda ntakibazo.



Yantwaye ibiceri bitatu. Nkeneye kubyumva neza. N'ingoga, rya tara.



Uko mbibona, byose biraterwa n'uko uyu musaza ariwe utangira gukina. Ikiganza cyawe gitangira gushaka kwifunga hashize AKANYA K'IGISUBIZO, icye kigiye. Ugomba rero kureba neza ikiganza cye gitangiye kuza kuko ugomba gutegeka i cyawe ngo gifunge. Ibyo na byo bifata UMWANYA.



UMWANYA !?

Ibyo birakomeye ho gato kubisobanura : hagati y'ijisho ryawe, ubwonko n'ikiganza byawe hari za NERI, aha URUSHUNZI RW' AMABWIRIZA ruca n'umuvuduko wa cyane ariko ufite igipimo kibarwa.



Ariko rero, nimba ari JYE ufata cya giceri, araba ari na NJYE uba utsinze. Nsubiye yo kureba wa musaza.

Ushaka gutangira ?
Ndabyemeye.
Ngaho tangira !



Bya kunaniye !
Ugomba kumpa kandi
ikindi giceri.



Satani (*)
yagutashye, intoki
zawe zifite akabazo
mbankuronga !

Sofiya, simbyumva na busa.
Ese mu by'ukuri yaba abangutse
ku ndusha ?



Oya, ariko mu by'ukuri,
afite uburyo bubangutse
bwo gucakira igiceri.

(*) Rusufero.

Ntahita « afata » igiceri,
arabanza akagukoma ; igiceri
kigasimbuka, bityo akaba
yungutse umwanya muto ariko
w'ingirakamaro, ese ungana
nk'icyacumi cy'iseconde.

Ariko se...
Ate !?!

Iyo yubitse
ikiganza cye ku cyawe,
aragikubita akoresheje
intoki ze, atya.

Bityo ikiganza cya we cyikika
noneho igiceri kigasigara mu
kirere.

Hanyuma ikiganza cye
cyigahita gikacira cya giceri naho
icyawe kigakacira ubusa !

Lanturlu asubira
kureba wa muvunjayi noneho
aramutsinda agaruza bya
biceri bya anamurya n'ibindi.

AMAJORO iGiHUMBI NA RiMWE ⑨

Y'UBUMENYI



Yamfashe ikiganza cyanjye,
ankoresha kw'ibiye ambwira ati :
« rimwe ringana na kabiri ».
Nahise numva ko afite
amabiye abiri.

Zari ebyiri ?

Oya, yari imwe gusa.
Narabigenzuye. Nsobanurira
icyo gitangaza.

Ariko !...

Izo nzozu zangize
umusazi. Nsobanurira
aya mayobera. Naho ubundi
uzi icyo nza gukora.

Ese ntashobora
kurota indoto nk'iza
abandi bose, uriya !

N'ingoga !
Jyenda munzaniire
Lanturlu.

Yego,
ndabizi, Nyagasani,
ndabizi...

Ibiye rimwe kandi
rikongera rikabamwo abiri
icyarimwe ?!?

Reka turebe neza, iyo umwami
AREBYE ibiye, akoresha amaso ye kandi
akayibonamwo imwe rukumbi. Ariko iyo
ayikozeho, AYUMVAMWO ebyiri.
Rero urumvako kureba no gukorakora
ari inzira ebyiri zitandukanye
zo kumenya ikintu.

Yenda
harimwo igisa n'ubwiru
tutarasobanukirwa.



Ni ko ubyibaza ?







AMAJORO IGIHUMBI NA RIMWE (10)

Y'UBUMENYI



Amaze kunguka agafuko ka zahabu kuzuye no hejuru, aherejwe n'umwami ubwe n'amaboko ye. Mu by'ukuri, yashoboye gukora ikintu kitarakorwa n'umuntu n'umwe muri iki gihugu. Ye, na nyuma ye, n'abakomeye cyane banashabutse cyane nta n'umwe muri bo wabigezeho.


Babajije Schatzmani avuga ko uriya muntu agomba kuba yarasinze amasezerano na Satani (*) ubwe kugira ngo ashobore gukora igitangaza nka kiriya. Yavuze ko « akoresha ukuboko kwa Satani ».



(*) Ni izina rya Rusufero mu bihugu by'iburasirazuba.



Wabibonye.
Yatwaye ka kabogisi gato
Satani ashiramwo
ibirungo bye (*)




Yakuyemwo
tiruwari noneho byose
abitereka hasi atya.

Yego, nonese iki ?



Fata tiruwari hagati
y'intoki za Mukuru wa meme
na Mukubitarukoko.

Musumbazose
igomba NTAKIBUZA
kutava ku meza.



Ugomba rero guterura tiruwari,
ukayitereka KURI ka kabogisi
ariko utayigushiye hasi.



Ariko... Ni ibidashoboka !

Ntako ntagize ariko
nshobora kuyiteruraho i
santimetero imwe gusa !



We, yarabishoboye !

Yewe na Zahiri,
wa mucuzi ushobora
gufyonda ikintu
icyaricyo cyose
mu kiganza cye,
byaramunaniye.

(*) Akabogisi gato k'imyambi.



Ariko se uriya mugabo ugaragaraho intege nkye, yakuragahe ziriya mbaraga? Ni amayobera.

Ikindi kandi, yarafite intoki nk'iz'umugore.




Ahaa Ahaa Ahaa!!!



Nsohora muri iri tara ubundi nzabigusobanurira.

Nonese, Sofiya, amayeri ni ayahe?



Anhaaa, mu by'ukuri, amayeri, ni UKO NTA YARIMWO!





AMAJORO iGIHUMBI NA RIMWE

Y'UBUMENYI

11






O mwami wacu uganje, mbabarira, ariko aha, byananiye pe. Aya mageza ntashoboka !

Ariko se ko nakubwiye ko nabibonye mu ndoto.

Mucyo w'Iburasirazuba, mwami w'ikirenga wa Abusurudisitani, ntabwo ari umwe mu bagize inteko y'ubumenyi ukeneye, ahubwo ukeneye umuganga w'inzobere mu by'imyitwarire !... Mpisemwo kwegura. Nabonye akazi ko kuba umugenzuzi mukuru mu nteko y'ubumenyi mu gihugu cy'Intagondwa cya Integristani.

Imisatzi yanjye yahindutse umweru, yahise itangira kuba irende kubera ibyo bibazo byose. Narambiwe n'ayo mahindagurika !...



Ni amafuti yuzuye ? Iyo $P > L$, bivuze ngo Lanturlu arazamuka. Iyo $P < L$, ubwo rero ibuye ry'uburemere niryozamuka. Ariko iyo $P = L$, ntagishobora kuzamukana ikindi. Byose biguma ku gipimo kimwe ! Ndashaka kuba Perezida w'Ishyirahamwe rya Fizike ryo muri Integrisitani. Aha ni inzu y'abasazi.





Lanturlu apima ibiro 65 (kg). Indwanyaburemere ye nayo ipima ibyo. Iyo Anselmi akuruye uriya muguzi, cyane cyane ko kiriya kidongi nta tsirimana kigira, izo mbaraga zose ziherekerana ku buremere no ...kuri we nyine, ibyo, biba bityo kubera kubahiriza ihame ry'igikorwa n'indwanyagikorwa. Iyo rero izo mbaraga yakururishije umuguzi ziri mu nsi y'ibiro 65 (kg 65), nta kintu NA BUSA kiba. Ari indwanyaburemere, ari Lanturlu nta na kimwe kizamuka. Ariko iyo izo mbaraga Anselmi akoresha zisumbye ibyo biro (kg 65), we n'indwanyaburemere ye, byombi birazamuka mu buryo bumwe kuko byose biba biteruwe n'imbaraga ZIMWE kandi bifite UBUREMEREKAMERE bumwe.



AMAJORO igihumbi NA RIMWE Y'UBUMENYI

12

Ijoro riraguye mu bwami bw'ABUSURUDISITANI.



Ariko Ubumenyi, Anselimi, ni nk'igihushuka mu butayu.



Nk'ubu reba inyenyeri zo mw'ijuru. Abantu bakome je kwemeza, mu binyejana byinshi byashize ko, inyenyeri zimurika cyane ari izitwegereye. Ariko ahubwo izimurika cyane ni izikiri nto, ari na zo zigira urumuri rucana cyane kandi kenshi ziba ziri na kure cyane yacu.



Ukuntu uri umunyabwenge wakataje, Sofi...!

Ikindi, bakomeje gutekereza ko inyenyeri zihagaze mu burebure bureshya n'ubw'amasi yazimwe (amapalaneta); ugereraniye ni nko « mu miliyoni n'ibisaga by'amakilometero ». Bishyizemwo rero igitekerezo cy'imiterere ya Kosimosi kitari cyo



Bakomeje ku gitsimbat araraho kuva cyera cyane, cyane kuva rwose cyera.



Bityo rero abantu nka Schatzmani bavugaga ko iyi si dutuyeho itashoboraga kuva aho iri, ngo kuko, ibyo iyo biza kuba aribyo, inyenyeri zitwegereye zari kuba zarigiye hirya bitewe n'inkurikizi za paralagisi, unagereraniye n'inyenyeri ziri kure cyane.

Inzobere mu bijyanye n'inyenyeri, ikomoka mu gihugu cya Danimarikyeye, Tycho Brahe, yanagaragaje, « akoresheje imibare » ko icyo gitekerezo cy'igenda ry'isi « ntashingiro gifite ukurikije ubushishozi, ngo kuko ishuka yoroshe ijuru... itanyeganyega »!




Tycho, wari waracitse izuru mu murwano w'inkota, yaje guterwa irindi zuru rikoze mu muringa w'ifeza.





Icyi



Iveri



Imitekerereze ishingiyeye ku ngwilirizi ya paralagisi iteye itya : Reka twite E «inyenyeri itwegereye» na e1, e2 izindi nyenyeri ebyiri ziri kure cyane yacu. Niba iyi si yacu izenguruka by'ukuri iruhande y'izuba, iriya nyenyeri itwegereye E igomba, buri gihe, kwishushanya binyuranye mu « ndiba y'ijuru », ni ukuvuga ku (nyenyeri e1 na e2) ukurikije ibihe by'umwaka bisanzwe.

Kandi ni byo biba mu by'ukuri. Ariko uriya mupfayongo Tycho yari yibajije ko urugendo rurambuye hagati y'inyenyeri ari rugufi : Ariko mu by'ukuri urugendo rurambuye hagati y'inyenyeri ni rurerure cyane ; ni inshuro ibihumbi cumi kuruta urugendo rurambuye ruri hagati y'amasi yazimwe (planeti). Urugero twafata ni nk'uru : Niba izuba n'ayo masi ya zimwe arikikije bigereranijwe n'ifaranga rya dinari, inyenyeri yaba itwegereye hafi yaba iri ku mupaka w'uyu muji. Amateka yategereje ikinyejana cya cumi n'icyenda (nyuma y'ivuka rya Yezu Kristo) no kuvumburwa ko gufotora ngo umuhanga Bessel ashobore kugaragaza neza iyi ngwilirizi.



Umuyaga wo mu butayu utangiye guhuha. Gwino, dutahe.



Ahaaa, Ntegereje umwami; Ariho araza. N'ingoga, nisubiriye mw'itara !

Wa muja wa Schatzmani arihe ?

Ni jye, Nyagasani, Mucyo w'isi.



Ubumenyi butagira Imipaka

Itegeko ryo mu 1901 rigenga amashyirahamwe



Jean-Pierre Petit, Perezida w'iri Shirahamwe

Uyu Jean-Pierre Petit, Peresida w'iri shyirahamwe ry'Ubumenyi butagira Imipaka, yahoze ari diregiteri w'ubushakashatsi mu kigo cy'inzobere cya CNRS, mu Bufaransa. Akaba kandi inzobere ihanitse muri Fizike y'inyenyeri (Asitorofizike); yahimbye uburyo bushyashya by'inyandiko bita: *Ibitabo by'amashusho by'ubumenyi*. “Ubumenyi butagira Imipaka” ni ishyirahamwe ryahimbwe mu 2005 n'abagabo babiri, Jean-Pierre Petit na mugenzi we Gilles d'Agostini. Iri shyirahamwe ryihaye intego yo gukwirakwiza kw'isi hose ubumenyi ku buntu harimwo n'ubumenyi bwa tekhnike, ubukorikori n'ikoranabuhanga. Iri shyirahamwe ribeshejweho n'inkunga rihabwa. Izo nkunga nizo ziriha abantu bahindura inyandiko mu zindi ndimi. Buri nyandiko (igitabo cy'amashusho cy'ubumenyi) ihindurirwa mu rundi rurimi ku mafaranga angana n'amayero 150 (150 euros) kuva mu 2007 kugeza ubu. Iri shyirahamwe rinariha amafaranga ajyanye n'iyoherezwa ucishije muri banke ry'ayo mafaranga y'ihinduranya mu zindi ndimi. Abahinduranyi b'indimi bagiye bongera, buri munsu, umubare w'ibyo bitabo bisomwa hose k'ubuntu. (Nko kugeza mu 2007, hari hamaze kuboneka ibitabo magana abiri (200) bikurwa kuri interineti k'ubuntu kandi byanditse mu ndimi makumyabiri n'umunani (28) harimwo ikinyarwanda n'ururimi rwo muri Lawosi).

Biremewe ko iki gitabo gikopororwa cyangwa gifotorwa, cyose cyangwa igice; kinakoreshwa n'abarimu mu masomo ariko mu buryo butari uburya inyungu z'amafaranga. Gishobora gushyirwa mu masomero y'uturere, y'amashuri cyangwa ya za kaminuza, cyanditse ku mpapuro cyangwa cya shyizwe mu miyoboro y'imbuga z'ikoranabuhanga zigose (intranet).

Uyu mwanditsi w'ibi bitabo yatangiye kwandika ibindi byo byoroshye kandi bigenewe abana bato (bari mu rugero rw'imyaka 12). Ibindi biriho bikorwa n'ibitabo by'amajwi avuga, bigenewe abatazi gusoma cyangwa abashaka kwiga urundi rurimi rutari urwo bakuriyemwo.

Iri shyirahamwe rishaka buri gihe abahinduranyi b'inyandiko bazishyira mu ndimi zabo zakavukire ariko bafite ubuhanga buhagije bwo gutanga inyandiko mpiduranyi nziza z'ibitabo basomye.

Ushatse kugira icyo ubaza cyangwa ugeze kuri iri shyirahamwe, wajya ku rubuga rwaryo ku interinete aha hakurikira: <http://www.savoir-sans-frontieres.com>

Iranga-konti mu Bufaransa → Inyandiko ngaragaza mutungo muri (RIB)

Ikigo	Umwanya wo kwakiriramo amafaranga	Nimero ya konti	Urufunguzo rwa RIB
20041	01008	1822226V029	88

Aho ikorera: Banki ya Posita
Hagati y'Umujyi wa Marseille
13900 Marseille CEDEX 20
Mu Bufaransa

Mu bindi bihugu → Ibanki Mpuzamahanga (International Bank) Nimero ya Konti (IBAN):

IBAN
FR 16 20041 01008 1822226V029 88

→ N' Inyandikobanga ya banki (BIC) :

BIC
PSSTFRPPMAR

Amategako agenga iri shyirahamwe agaragara ku rubuga rwa yo kuri interineti. Imibare ngaragaza mutungo nayo irahari kandi ihora ishyirwa ku gihe. Iri shyirahamwe nta mafaranga na make rikura ku nkunga rihawe uretse ayo kohereza, bicishijwe muri banki, ahemba abahinduranyi b'indimi ku buryo babona abagenewe yose. Nta munyamuryango w'iri shyirahamwe n'umwe rihemba kuko bose ari abakoranabushake.

Abanyamuryango ubwabo nibo barihira amafaranga ishyirahamwe rikoresha ngo ribeho nk'ayo kwishyura no gukoresha urubuga rwa yo rwo kuri interineti kuko ayo atarihwa n'ishyirahamwe.

Bityo mugaragarizwa neza uko umutungo w'ishyirahamwe ukoresheka kandi mukibonera ikizere ko, muri iyo "mirimo y'ubwitange mfashamuco", inkunga yose mutanga ikoresheka neza mu kwishyura abahindura ibitabo mu zindi ndimi.

Dushyira ku rubuga rwa interineti buri kwezi, ugereraniye, nk'ibitabo cumi bihinduwe mu zindi ndimi.